# 97: Nishimiye ko menye rwose

1. Nishimiye ko menye rwose Yesu kw ar' Umukiza wanjye; Ni we wanshunguj' amaraso; Ndizera, mvuk' ubwa kabiri.

Ref: Yambwiye ko nd' umunyabyaha, Ndihana ndizer' arankiza; Nibyo ndirimba, ni byo mvugo, Nshim' Umukiz' ubudasiba.

2. Nditanze, ndamwiyeguriye; Binzariir' ibyishimo byinshi, Namuhay' ibyanyanduzaga, Abinkurahw amp' amahoro.

3. Sinkir' uwanjy' arantegeka; Mpiriwe n'uko mba muri We; Njya ntegerez' ibyiza bindi Nzagirirwa n'urukundo rwe.

4. Kubimenya ni kwiza rwose : Nd' uwa Yesu, sinshidikanya. Ushobora byos' arandinda; Nkimwizeye, nta wamunnyaga.

Visit us at burundi.indirimbo.com